Uwunga isano ry'umuryango wa nyawe ntabwo ari wawundi ubikora agamije nawe kubikorerwa, ahubwo uryunga by'ukuri ni wa wundi iyo abanyamuryango be baciye isano we araryunga

Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Amri (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uwunga isano ry'umuryango wa nyawe ntabwo ari wawundi ubikora agamije nawe kubikorerwa, ahubwo uryunga by'ukuri ni wa wundi iyo abanyamuryango be baciye isano we araryunga."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igamije kuvuga ko Umuntu wunga isano ry'abagize umuryango we mu buryo bwa nyabwo, akanabagirira neza nabwo ari wawundi ubikora aagamije ko bazamwishyura. Ahubwo uryunga by'ukuri ni wa wundi n'iyo abanyamuryango be baciye isano we araryunga kabone n'iyo baba baramuhemukiye, we abitura kubagirira neza no kubabanira neza.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3854